# Itangazo Rigenewe Abahinzi

**Huye, ku wa 7 Ukwakira 2024**

Bahinzi mwogahinga kera keza mwe!

Cya gihe twari dutegereje twese, cy'umuhindo, cyageze. Uyu ni umwanya mwiza nanone wo gutera mu mirima yacu ibiti bivangwa n'imyaka, ibiribwa imbuto, iby'imitako birimbisha imijyi yacu ndetse n'ibiti by'ishyamba. Ese mwari muzi ko by'umwihariko ibiti bivangwa n'imyaka birwanya isuri, bikaba kandi indumburabutaka, tutibagiwe ko ari byo ndiri y'urusobe rw'ibinyabuzima?

Nimucyo rero iki gihe cy'imvura dutere ingemwe z'ibiti neza, tuzikura aho zateguriwe zitangiritse. Ikindi kandi, mureke dutegure neza ahazaterwa ingemwe z'ibiti by' ubwoko butandukanye; dusukura ahazaterwa, ducukura imirwanyasuri mu mirima, ducukura neza imyobo yo guteramo ingemwe z'ibiti n'amashyamba. Nyuma yo gutera, ni ngombwa kubungabunga ibiti n'amashyamba byatewe kugira ngo bizakure neza.

Muri iki gihe rero, buri wese akwiriye kuzirikana ko ari cyo gihe cyiza cyo gutera ibiti n'amashyamba kandi akabigira inshingano ye n'abagize umuryango kuko ibiti ni ingirakamaro mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Ibiti biyungurura umwuka duhumeka, bitanga imvura, birwanya isuri, bitanga ubwatsi bw'amatungo, bivamo imiti, birumbura ubutaka kandi bivamo ibikoresho bitandukanye birimo inkwi zo gucana, imbaho, ibiti byubaka, imihembezo ku bishyimbo bishingirirwa n'ibindi.

Ubu butumwa mubugejejweho n'Ikigo Gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) ku bufatanye na Minisiteri y'Ibidukikije.

###

*Arboretum, Huye | P.O. Box: 660 HUYE – Rwanda | Website: www.rfa.rw | Email: info@rfa.rw |*
*X: @RwandaForestry |www.linkedin.com/in/rwanda-forestry-authority-rfa*